**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW' IKIRENGA**

**B.P .2197 KIGALI**

**ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa 2023, Umunsi wa cumi na gatandatu, ukwezi kwa Gicurasi,

Twebwe TUYIZERE Milliere, Umucamanza mu rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashijwe na KAZIGABA Elimelec, umwanditsi muri urwo Rukiko,

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Gasabo, bwaregeye uru rukiko, uwitwa **TWAHIRWA Elias na NSHIMIYIMANA Gerard** icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 y'itegeko №68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ikirego kikandikwa mu bitabo by'Urukiko kuri RP 01749/2021/TGI/GSBO;

Tumanze kubona ko **TWAHIRWA Elias** mwene KAGANGO na KABAGWIRA Marie wavukiye mu Mudugudu wa Rugogwe, Akagari ka Bweramvura, Umurenge wa Jabana, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, muri Repuburika y'u Rwanda, Umunyarwanda, ubu akaba akurikiranywe n'ubushinjacyaha nk'uwatorotse ubutabera.

Tumanze kubona ko **NSHIMIYIMANA Gerard** mwene RUSINGIZANDEKWE na NIYONSABA, wavutse mu 1984, wavukiye mu Mudugudu wa Gitaba, Akagari ka Nyakabungo, Umurenge wa Jali, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, muri Repuburika y'u Rwanda, ufite ID: 1198480010449052, Umunyarwanda, ubu akaba akurikiranywe n'ubushinjacyaha nk'uwatorotse ubutabera.

***Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 y'itegeko N0 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha,***

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo, ku cyicaro cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, ku biro by'inkiko zisumbuye zose, mu gihe kingana n'iminsi umunani

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru cya Leta

Dutegetse ko **TWAHIRWA Elias** na **NSHIMIYIMANA Gerard** bagomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 05/06/2023 saa tatu za mugitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, batakwitaba bigafatwa ko basuzuguye amategeko, bakaburanishwa badahari.

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo ku cyicaro cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, ku biro by'Inkiko zisumbuye zose, mu gihe kingana n'iminsi umunani.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuva umunsi cyafashweho

**NUKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE BITYO KU MUNSI UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU**

| | |
|---|---|
| **TUYIZERE Milliere** | **KAZIGABA Elimelec** |
| **Umucamanza** | **Umwanditsi** |